REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, kuwa 01 SEP. 1988

N° 2546 /15.08.01

FERWAFA
reçu le 02 SEP. 1988
n°
A traiter par

Bwana Prezida w'ikipi ya
KIYOVU SPORTS
B.P. 12 KIGALI

IMPAMVU: Kwemererwa gukinira kuli Stade rejiyonali y'i Nyamirambo taliki ya 4 Nzeli 1988.

Bwana Prezida,

Nkulikije ibarwa wanyandikiye ku italiki ya 31 Kanama 1988 insaba ko ikipe KIYOVU SPORTS yakinira kuli Stade Rejiyonali y'i Nyamirambo, ndakumenyesha ko wemerewe kuzakoresha iyo Stade ku cyumweru taliki ya 4 Nzeli 1988 ku mukino uzabahuza n'ikipe MIROPLAST.

Kubera ko muzaba mukodesheje iyo stade, mugomba gutanga icumi kw'ijana (10 %) by'amafranga azaboneka muli uwo mukino aliko mwabanje gutanga amafranga ibihumbi makumyabili (FR. 20.000 ) mbere y'uko uwo mukino uba.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.-

BAGAMBIKI Zephyrin
Secrétaire Général

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Bimenyeshejwe:

- Bwana Prezida w'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda
  KIGALI
- Abbé Directeur wa Collège St André
  KIGALI